# <u>ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU</u>

## ITANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 13 Gashyantare 2014, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. Me MUKABARANGA Agnes.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

(1) Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 28 Ugushyingo 2013;
(2) Kwemeza *Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro* n'*Indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'Abayoboke bayo*;
(3) Gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro.

Inama Rusange yatangiye yemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 28/11/2013, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Inama Rusange yemeje *Indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'Abayoboke bayo* (Code of Conduct of Political organizations and their members); abahagarariye Imitwe ya politiki bari mu bagize Inama Rusange bashyira umukono no ku Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro.

*Indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'Abayoboke bayo* ikubiyemo imyitwarire igomba kuranga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki, ikabashishikariza kugira umurava no kubahana mu nshingano n'ibikorwa byabo bya buri munsi.

Inama Rusange yatoye Abagize Biro y'Ihuriro bashya, aribo **Hon. Sheikh Mussa Fazil HARERIMANA**, uturuka mu ishyaka PDI, ku mwanya w'Umuvugizi; na **Madamu NYIRAMAJYAMBERE Scholastique**, uturuka mu Ishyaka PS IMBERAKURI, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

Inama yatangiye saa tatu (9h00') irangira saa sita (12h00).

Bikorewe i Kigali, kuwa 13 Gashyantare 2014.

**KAYIGEMA Anicet**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**